REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

# Havumbuwe amashyuza

Icapwa rya kabiri



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

Umuyugo wo mu kiciro 4 cya kane cyo gusoma

# Havumbuwe amashyuza



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 4 cya kane cyo gusoma

INEZA Consolatrice, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Shoba-Muramba, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba. Iyi nkuru ye, HAVUMBUTSE AMASHYUZA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.



Kera habayeho umukobwa witwaga Umumararungu, agatura ku musozi wa Bugonyori. Uwo mukobwa yagiraga isuku cyane ndetse n'iwabo hagahora hateguye.



Mu gace yari atuyemo, abantu benshi baramukundaga cyane. Yakundaga gusabana kandi agafasha abakecuru n'abasaza batishoboye. Mbese nk'uko izina rye ribivuga, yari umumararungu koko.



Mu buzima bwe, ntiyajyaga yoga amazi akonje. Yogaga ashyushye gusa. Umunsi umwe, abyuka yitegura kujyana n'abandi bakobwa mu rubohero.




Umumararungu aterura amazi ashyushye, yerekeza aho yakundaga kogera. Mu gihe yagendaga, aranyerera amazi arameneka yinjira mu butaka ayareba.



Nuko arababara cyane, aricara, yitangira itama. Yibaza ibimubayeho biramuyobera. Ntiyumvaga ukuntu amazi adasandaye, ahubwo agahita acengera yose mu butaka.



Umumararungu atangira kuririmba.
Ati: “Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?” Umumararungu amaze kuvuga atyo, ha handi amazi yacengeye hatangira kwika.



Arongera ati: “Butaka, butaka, kuki unywereye amazi?” Ha handi amazi yacengeye harongera hararigita, Umumararungu avuza induru.



Umusaza wihitiraga yumva induru idasanzwe ajya kureba ibibaye. Ageze aho Umumararungu ari asanga atitira kubera ubwoba.



Umusaza amubaza ikibaye.
Umumararungu ananirwa kuvuga, ahubwo amwereka aho  ubutaka bwarigise.
Umusaza yitegereza aho hantu abona nta kintu gihari. Nuko araseka cyane.



Abonye Umumararungu akomeza kuhatunga urutoki, agira amatsiko arahegera. Hanyuma afata ikibando yari yitwaje agishinga aharigise. Muri ako kanya ikibando na cyo gitangira kurigita.



Ubwo umusaza na we arumirwa, agira ubwoba, ashikuza cya kibando. Ako kanya ha handi hari harigise havumbuka amazi ashyushye cyane, atogota.



Umumararungu n'umusaza barumirwa.
Bavugiriza induru icyarimwe, abantu benshi barahurura.
Abantu babonye ukuntu ya mazi ava mu butaka atogota birabatangaza cyane.



Kuva ubwo bayita amashyuza,
Umumararungu akajya akunda
kuyavoma, akayiyuhagira.
Abatuye muri ako gace babimenye, na bo
bakajya baza kuyogamo.



Abakecuru n'abasaza bakavuga ko iyo bayoze bamererwa neza.
Inkuru y'amashyuza iramamara, abantu bakaza kuyoga bavuga ko abavura amavunane.
Si nge wahera hahera umugani.